

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/20/MYCULTURE RYO KU WA 23/01/2020 RIGENA IMIKORESHEREZE Y'IMPETA Z'ISHIMWE</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 001/20/MYCULTURE OF 23/01/2020 DETERMINING THE USE OF NATIONAL ORDERS</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/20/MYCULTURE DU 23/01/2020 DÉTERMINANT LES MODALITÉS D'USAGE DES ORDRES NATIONAUX</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mberere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: IMIKORESHEREZE Y'IMPETA Z'ISHIMWE</u></p>	<p><u>CHAPTER II: USE OF NATIONAL ORDERS</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: USAGE DES ORDRES NATIONAUX</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Imikoreshereze y'impeta y'ishimwe</u></p>	<p><u>Article 2: Use of a national order</u></p>	<p><u>Article 2: Usage d'un ordre national</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Imikoreshereze y'impeta y'ishimwe mu gihe cyo gushyingura uwayihawe</u></p>	<p><u>Article 3: Use of a national order at burial ceremonies of its holder</u></p>	<p><u>Article 3: Utilisation d'un ordre national lors des cérémonies funéraires de son titulaire</u></p>
<p><u>UMUTWE WA III: IBIKWA N'ITAKARA BY'IMPETA Y'ISHIMWE</u></p>	<p><u>CHAPTER III: KEEPING AND LOSS OF A NATIONAL ORDER</u></p>	<p><u>CHAPITRE III: CONSERVATION ET PERTE D'UN ORDRE NATIONAL</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Ibikwa ry'impeta y'ishimwe</u></p>	<p><u>Article 4: Keeping a national order</u></p>	<p><u>Article 4: Conservation d'un ordre national</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Gutakara, kwibwa cyangwa kwangirika kw'impeta y'ishimwe</u></p>	<p><u>Article 5: Loss, steal or spoil of a national order</u></p>	<p><u>Article 5: Perte, vol ou endommagement d'un ordre national</u></p>
<p><u>UMUTWE WA IV: IBIBUJIJWE N'IGIHANO</u></p>	<p><u>CHAPTER IV: PROHIBITIONS AND PENALTY</u></p>	<p><u>CHAPITRE IV: INTERDICTIONS ET SANCTION</u></p>

<p><u>Ingingo ya 6: Ibujijwe</u></p> <p><u>Ingingo ya 7: Igihano</u></p> <p><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 8: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></p> <p><u>Ingingo ya 9: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p>	<p><u>Article 6: Prohibitions</u></p> <p><u>Article 7: Sanction</u></p> <p><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 8: Repealing provision</u></p> <p><u>Article 9: Commencement</u></p>	<p><u>Article 6: Interdictions</u></p> <p><u>Article 7: Sanction</u></p> <p><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 8: Disposition abrogatoire</u></p> <p><u>Article 9: Entrée en vigueur</u></p>
--	---	--

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/20/MYCULTURE RYO KU WA 23/01/2020 RIGENA IMIKORESHEREZE Y'IMPETA Z'ISHIMWE</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 001/20/MYCULTURE OF 23/01/2020 DETERMINING THE USE OF NATIONAL ORDERS</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/20/MYCULTURE DU 23/01/2020 DÉTERMINANT LES MODALITÉS D'USAGE DES ORDRES NATIONAUX</p>
<p>Minisitiri w'Urubiyiruko n'Umuco;</p>	<p>The Minister of Youth and Culture;</p>	<p>Le Ministre de la Jeunesse et de la Culture;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko n° 13 bis/2009 ryo ku wa 16/06/2009 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe, nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 58;</p>	<p>Pursuant to Law n° 13 bis/2009 of 16/06/2009 determining the responsibilities, structure and functioning of the Chancellery for Heroes, National Orders and Decorations of Honour, as amended to date, especially in Article 58;</p>	<p>Vu la Loi n° 13 bis/2009 du 16/06/2009 portant attributions, structure et fonctionnement de la Chancellerie des Héros, des Ordres Nationaux et des Décorations Honorifiques, telle que modifiée à ce jour, spécialement en son article 58;</p>
<p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/11/2019 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p>	<p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 28/11/2019;</p>	<p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 28/11/2019;</p>
<p>ATEGETSE:</p>	<p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTE:</p>

<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p>
<p>Iri teka rigena imikoreshereze y'impeta z'ishimwe.</p>	<p>This Order determines the use of national orders.</p>	<p>Le présent arrêté détermine les modalités d'usage des ordres nationaux.</p>
<p><u>UMUTWE WA II: IMIKORESHEREZE Y'IMPETA Z'ISHIMWE</u></p>	<p><u>CHAPTER II: USE OF NATIONAL ORDERS</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: USAGE DES ORDRES NATIONAUX</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Imikoreshereze y'impeta y'ishimwe</u></p>	<p><u>Article 2: Use of a national order</u></p>	<p><u>Article 2: Usage d'un ordre national</u></p>
<p>Uwahawe impeta y'ishimwe ayambara ku minsi mikuru ya Repubulika y'u Rwanda cyangwa mu nama yatumiwemo n'inzezo za Leta cyangwa iz'abikorera.</p>	<p>A holder of a national order wears it during official holidays of the Republic of Rwanda or meetings in which he or she is invited by public or private organs.</p>	<p>Le titulaire d'un ordre national le porte lors des fêtes officielles de la République du Rwanda ou dans des réunions auxquelles il est invité par les entités publiques ou privées.</p>
<p>Uwahawe impeta y'ishimwe ayambara mu ijosi cyangwa mu gituzo ku ruhande rw'ibumoso bitewe n'imiterere yawo.</p>	<p>A holder of a national order wears it around the neck or on the left side of the chest depending on its design.</p>	<p>Le titulaire d'un ordre national le porte autour du cou ou sur le côté gauche de la poitrine selon sa conception.</p>
<p>Iyo impeta z'ishimwe zambarwa mu gituzo ari nyinshi, uwazihawe azambara azikurikiranyije aya iburyo ajya ibumoso, ahereye ku isumba izindi mu gaciro.</p>	<p>When national orders to be worn on the chest are many, the holder wears them one after the other, from the right to the left side starting with the most important.</p>	<p>Lorsque les ordres nationaux à porter sur la poitrine sont nombreux, le titulaire les porte l'un après l'autre, de droite vers à gauche en commençant par le plus important.</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Imikoreshereze y'impeta y'ishimwe mu gihe cyo gushyingura uwayihawe</u></p>	<p><u>Article 3: Use of a national order at burial ceremonies of its holder</u></p>	<p><u>Article 3: Utilisation d'un ordre national lors des cérémonies funéraires de son titulaire</u></p>
<p>Iyo uwahawe impeta y'ishimwe apfuye, mu mihango yo kumuherekeza, impeta y'ishimwe</p>	<p>When the holder of a national order dies, during farewell ceremonies, the national order is</p>	<p>Lorsque le titulaire d'un ordre national décède, durant les cérémonies d'adieu, l'ordre national</p>

<p>ishyirwa ahagaragara ku buryo abaje kumusezera bayibona.</p> <p>Mbere yo kururutsa umurambo cyangwa kuwutwika, uhagarariye umuryango w'uwayihawe abika impeta y'ishimwe.</p> <p>Iyo uhagarariye umuryango w'uwahawe impeta y'ishimwe adakeneye kugumana impeta y'ishimwe, ayisubiza urwego rw'Igihugu rufite impeta z'ishimwe mu nshingano zarwo.</p> <p>Iyo uwahawe impeta y'ishimwe apfuye adafite umuryango, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge w'aho uwahawe impeta y'ishimwe yari atuye, ashyikiriza impeta y'ishimwe urwego rw'Igihugu rufite impeta z'ishimwe mu nshingano zarwo nyuma y'ishyingurwa.</p>	<p>exposed so that it can be seen by participants.</p> <p>Before lowering the body into the grave or its cremation, the holder of the national order family representative keeps the national order.</p> <p>If the family representative of the holder of the national order does not need to keep the national order, he or she gives it back to the national organ in charge of national orders.</p> <p>If the holder national order dies without a family, the Executive Secretary of the residence Sector of the holder gives back the national order to the national organ in charge of national orders after burial.</p>	<p>est exposé de façon à être vu par les personnes présentes.</p> <p>Avant de descendre le corps dans la tombe ou de l'incinérer, le représentant de la famille du titulaire de l'ordre national garde l'ordre national.</p> <p>Si le représentant de la famille du titulaire de l'ordre national n'a pas besoin de garder l'ordre national, il le remet à l'organe national ayant les ordres nationaux dans ses attributions.</p> <p>Lorsque le titulaire l'ordre national décède sans famille, le Secrétaire Exécutif du Secteur de résidence du titulaire remet l'ordre national à l'organe national ayant les ordres nationaux dans ses attributions après l'enterrement.</p>
<p><u>UMUTWE WA III: IBIKWA N'ITAKARA BY'IMPETA Y'ISHIMWE</u></p> <p><u>Ingingo ya 4: Ibikwa ry'impeta y'ishimwe</u></p> <p>Uwahawe impeta y'ishimwe ayibika mu buryo bw'icyubahiro.</p> <p>Uhagarariye umuryango akomeza kubika impeta y'ishimwe mu buryo bw'icyubahiro, nk'urwibutso rwa nyakwigendera.</p>	<p><u>CHAPTER III: KEEPING AND LOSS OF NATIONAL ORDER</u></p> <p><u>Article 4: Keeping a national order</u></p> <p>A holder of a national order keeps it in honourable way.</p> <p>The family representative continues to retain the national order in honourable way in memory of the deceased.</p>	<p><u>CHAPITRE III: CONSERVATION ET PERTE DE L'ORDRE NATIONAL</u></p> <p><u>Article 4: Conservation d'un ordre national</u></p> <p>Le titulaire d'un ordre national le garde de manière honorable.</p> <p>Le représentant de la famille continue de garder l'ordre national de manière honorable, en mémoire du défunt.</p>

<p><u>Ingingo ya 5: Gutakara, kwibwa cyangwa kwangirika kw'impeta y'ishimwe</u></p> <p>Iyo impeta y'ishimwe itakaye, yibwe cyangwa yangiritse, uwayihawe cyangwa uhagarariye umuryango wayisigaranye igihe uwayihawe yapfuye, abimenyesha urwego rw'Igihugu rufite impeta z'ishimwe mu nshingano zarwo.</p> <p>Uwahawe impeta y'ishimwe igatakara, ikibwa cyangwa ikangirika ashobora guhabwa indi iyo Urwego rw'Igihugu rufite impeta z'ishimwe mu nshingano zarwo rusanze nta ruhare yabigizemo. Icyakora, impeta y'ishimwe itakaye, yibwe cyangwa yangiritse uwayihawe yarapfuye n'ntisimburwa.</p>	<p><u>Article 5: Loss, steal or spoil of a national order</u></p> <p>When a national order is lost, stolen or spoiled, the holder or the family representative, if the holder died, notifies it to the national organ in charge of national orders.</p> <p>A holder of a national order whose national order is lost, stolen or spoiled can receive another one when the national organ in charge of national orders finds the holder of the national order behaved with due diligence. However, a national order which is lost, stolen or spoiled after death of the holder is not replaced.</p>	<p><u>Article 5: Perte, vol ou endommagement d'un ordre national</u></p> <p>Si un ordre national est perdu, volé ou endommagé, le titulaire ou le représentant de la famille, si le titulaire est décédé, le notifie à l'organe national ayant les ordres nationaux dans ses attributions.</p> <p>Un titulaire de l'ordre national dont l'ordre national est perdu, volé ou endommagé peut recevoir un autre si l'organe national ayant les ordres nationaux dans ses attributions trouve que le titulaire s'est comporté en bon père de famille. Toutefois, l'ordre national perdu, volé ou endommagé après le décès du titulaire n'est pas remplacé.</p>
<p><u>UMUTWE WA IV: IBIBUJIJWE N'IGIHANO</u></p>	<p><u>CHAPTER IV: PROHIBITIONS AND PENALTY</u></p>	<p><u>CHAPITRE IV: INTERDICTION ET SANCTION</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Ibibujijwe</u></p> <p>Uwahawe impeta y'ishimwe ntiyemerewe:</p> <p>1° kuyikoresha cyangwa kuyambara mu buryo buyitesha agaciro;</p> <p>2° kuyitiza undi muntu kugira ngo ayikoreshe;</p> <p>3° kuyigurisha, kuyigaba cyangwa guhindura imiterere yayo.</p>	<p><u>Article 6: Prohibitions</u></p> <p>The holder of a national order is not permitted:</p> <p>1° to use or to wear it in a way that dishonours it;</p> <p>2° to lend it to another person for using it;</p> <p>3° to sell, to give or to transform it.</p>	<p><u>Article 6: Interdictions</u></p> <p>Le titulaire de l'ordre national n'est pas autorisé à :</p> <p>1° l'utiliser ou le porter de manière qui le déshonore;</p> <p>2° le prêter à une autre personne en vue de son usage;</p> <p>3° le vendre, le donner ou le transformer.</p>

<p>Igihe uwahawe impeta y'ishimwe yapfuye, uhagarariye umuryango w'uwahawe impeta y'ishimwe ntiyemerewe kuyikoresha mu buryo ubwo ari bwo bwose.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Igihano</u></p> <p>Umuntu ukoresha impeta y'ishimwe mu buryo bunyuranyije n'iri teka, ayamburwa n'Urwego rw'Igihugu rufite impeta z'ishimwe mu nshingano, bigatangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> <p><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 8: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></p> <p>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>When the holder of a national order died, the family representative of the holder of a national order is not allowed to use it in any way.</p> <p><u>Article 7: Sanction</u></p> <p>A person who uses a national order contrary to provisions of this Order is dispossessed of the national order by the national organ in charge of national orders and it is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> <p><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 8: Repealing provision</u></p> <p>All prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 9: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>Lorsque le titulaire d'un ordre national est décédé, le représentant de sa famille du titulaire de l'ordre national n'est pas autorisé à l'utiliser de quelque manière que ce soit.</p> <p><u>Article 7: Sanction</u></p> <p>Une personne qui utilise un ordre national, contrairement aux dispositions du présent arrêté en est dépossédée par l'organe national ayant les ordres nationaux dans ses attributions et publication en est faite au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p> <p><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 8: Disposition abrogatoire</u></p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p> <p><u>Article 9: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	---	---

<p>Kigali, ku wa 23/01/2020</p> <p>(sé)</p> <p>MBABAZI Rosemary Minisitiri w'Urubyiruko n'Umuco</p>	<p>Kigali, on 23/01/2020</p> <p>(sé)</p> <p>MBABAZI Rosemary Minister of Youth and Culture</p>	<p>Kigali, le 23/01/2020</p> <p>(sé)</p> <p>MBABAZI Rosemary Ministre de la Jeunesse et de la Culture</p>
<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and Sealed with the Seal of the Republic:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et Scellé du Sceau de la République:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>